**UMURYANGO W'ABIBUMBYE**

Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha

Urubanza N°: MICT-13-38-T

Itariki: 23 Ukwakira 2024

Umwimerere: Icyongereza

**<u>URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO</u>**

**Abacamanza:** **Iain Bonomy, Perezida**
**Mustapha El Baaj**
**Margaret M. deGuzman**

**Gerefiye:** **Abubacarr M. Tambadou**

**Itariki:** **23 Ukwakira 2024**

**POROKIRERI**

**aburana na**

**FÉLICIEN KABUGA**

*INYANDIKO ITARI IBANGA*

# ITEGEKO RISHYIRAHO ITARIKI Y'INAMA NTEGURARUBANZA

**<u>Ibiro bya Porokireri</u>**

Serge Brammertz
Rashid S. Rashid
Rupert Elderkin

**<u>Avoka wunganira Félicien Kabuga</u>**

Emmanuel Altit

Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**URUGEREKO RWA MBERE RW'IREMEZO** rw'Urwego Mpuzamahanga Rwashyiriweho Gukora Imirimo y'Insigarira y'Inkiko Mpanabyaha ("Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo" na "IRMCT", uko bikurikirana) ruburanisha uru rubanza[1];

**RWIBUTSA KO,** muri Nzeri 2023, urubanza rwa Félicien Kabuga rwasubitswe mu gihe kitazwi nyuma y'uko rutanze Icyemezo kivuga ko ubuzima bwe butatuma akomeza kuburanishwa kandi bishoboka cyane ko atazongera kugira ubwo bushobozi[2];

**RUMAZE KUBONA KO**, mu gihe hagitegerejwe ko ikibazo cyerekeranye n'ifungurwa ry'agateganyo rye kibonerwa igisubizo, Kabuga yakomeje gufungirwa muri Gereza y'Umuryango w'Abibumbye, aho yashyiriweho gahunda y'isuzumabuzima hashingiwe ku Ngingo za 59, 67 na 68(A) z'Amategeko Agenga Imiburanishirize n'Itangwa ry'Ibimenyetso, kandi ko rwategetse ko hazakomeza kujya haba inama ntegurarubanza nyuma ya buri minsi 120 kandi Ubwunganizi bugakomeza kujya butanga amaraporo, mu gihe cyagenwe, yerekeranye n'ibyo bwagezeho ku bijyanye no gushaka igihugu kizamwakira namara gufungurwa by'agateganyo[3];

**RWIBUTSA KO** inama ntegurarubanza yabaye ku matariki ya 13 Ukuboza 2023, 26 Werurwe 2024 na 24 Nyakanga 2024[4];

**RWIBUTSA KANDI KO**, ku matariki ya 18 Mutarama 2024, 29 Gashyantare 2024 na 27 Gicurasi 2024, rwatanze Amategeko n'Ibyemezo, by'ibanga, byerekeranye n'ubusabe Kabuga yagejeje ku bihugu binyuranye abisaba kuzamwakira nk'umuntu uregwa wafunguwe by'agateganyo[5];

---

[1] Reba Itegeko ryerekeranye n'Abacamanza bagize Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo, 15 Kanama 2023, paje ya 2. Reba n'Itegeko rishyiraho Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo, 1 Ukwakira 2020, paje ya 1; Itegeko rishyiraho Umucamanza usimbura undi rikanashyiraho Umucamanza w'ingoboka, 26 Kanama 2022, paje 1, 2; Icyemezo cyafashwe hashingiwe ku Ngingo ya 19(E) y'Amategeko, 10 Mutarama 2023, paje ya 1; Itegeko rishyiraho Umucamanza w'ingoboka, 16 Mutarama 2023, paje 1, 2.

[2] Icyemezo gisubika urubanza mu gihe kitazwi, 8 Nzeri 2023 ("Icyemezo cyo ku itariki ya 8 Nzeri 2023"), paje 2, 5. Reba, muri rusange, n'Ikindi Cyemezo cyerekeranye no kumenya niba ubuzima bwa Kabuga bwatuma akomeza kuburanishwa, 6 Kamena 2023; *Urubanza Porokireri aburana na Félicien Kabuga*, Nº MICT-13-38-AR80.3, Icyemezo ku bujurire ku Kindi Cyemezo cyerekeranye no kumenya niba ubuzima bwa Félicien Kabuga bwatuma akomeza kuburanishwa, 7 Kanama 2023.

[3] Reba Icyemezo cyo ku itariki ya 8 Nzeri 2023, paje 2, 5; Itegeko ryo gutanga amaraporo agaragaza ibimaze gukorwa ku byerekeranye n'ifungurwa ry'agateganyo, 25 Nzeri 2023, paje 1, 2. Reba na Raporo ya 27 igaragaza ibimaze gukorwa ku byerekeranye n'ifungurwa ry'agateganyo rya Félicien Kabuga, yatanzwe hashingiwe ku Itegeko ry'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo ryo ku itariki ya 25 Nzeri 2023, 14 Ukwakira 2024 (Inyandiko y'ibanga) ("Raporo igaragaza ibimaze gukorwa yo ku itariki ya 14 Ukwakira 2024"). N'ubwo inama ntegurarubanza itaha yagombye kuba hafi y'itariki ya 21 Ugushyingo 2024, ababuranyi bumvikanye ko yazaba mu Ukuboza. Ibi Umunyamategeko Mukuru w'Urugereko rwa Mbere rw'Iremezo yabivuganyeho n'ababuranyi, hifashishijwe imeyiri, ku itariki ya 3 n'iya 4 Ukwakira 2024.

[4] Inyandikomvugo y'iburanisha, 13 Ukuboza 2023; inyandikomvugo y'iburanisha, 26 Werurwe 2024; inyandikomvugo y'iburanisha, 24 Nyakanga 2024. Reba n'Itegeko rishyiraho itariki y'inama ntegurarubanza, 8 Ugushyingo 2023, paje ya 2; Itegeko rishyiraho itariki y'inama ntegurarubanza, 7 Werurwe 2024, paje ya 2; Itegeko rishyiraho itariki y'inama ntegurarubanza, 5 Kamena 2024, paje ya 2.

[5] Reba Itegeko ryo gutanga imyanzuro, 18 Mutarama 2024 (Inyandiko y'ibanga), paje 1 - 3; Icyemezo ku Cyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba ko hatangwa Itegeko ryo gufungura Uregwa, by'agateganyo, hashingiwe ku Ngingo ya 28 ya



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT

**RUMAZE KUBONA KANDI KO** raporo y'isuzumabuzima ihuriweho yakozwe n'itsinda ry'impuguke mu by'ubuvuzi zigenga zashyizweho n'Urukiko ("Impuguke") yatanzwe ku itariki ya 23 Kanama 2024, aho zemeza ko ubuzima bwa Kabuga bukomeje gutuma atashobora kuburanishwa[6];

**RUMAZE KUBONA KANDI KO,** kugera ubu, nta gihugu mu byo Kabuga yavuze ko yifuza kujyamo cyemeye kumwakira[7];

**RUMAZE KUBONA KO,** kugira ngo rushobore gusuzuma, mu buryo bwihuse, ikibazo cy'ifungurwa rya Kabuga, byarugirira akamaro kumva icyo ababuranyi bavuga ku bibazo ibyo ari byo byose ubusanzwe bisuzumwa mu nama ntegurarubanza ikorwa hashingiwe ku Ngingo ya 69(A) y'Amategeko, no ku kibazo icyo ari cyo cyose cyerekeranye no kuba Kabuga yafungurwa by'agateganyo;

**RUMAZE KUBONA KO**, hakurikijwe uko ubuzima bwe bwifashe, Kabuga ashobora gukurikirana iburanisha hakoreshejwe ikoranabuhanga ry'amajwi n'amashusho, aramutse abyifuza;

**KUBERA IMPAMVU ZIMAZE KUVUGWA**,

**RUTEGETSE KO** ku wa Gatatu, tariki ya 11 Ukuboza 2024, saa munani z'amanywa, hazaba inama ntegurarubanza, mu cyumba cy'iburanisha cy'ishami rya IRMCT ry'i Lahe.

Bikozwe mu cyongereza no mu gifaransa ariko inyandiko yo mu cyongereza ni yo igenderwaho.

Bikozwe uyu munsi, tariki ya 23 Ukwakira 2024,
I Lahe, mu Buholandi

[**Umukono**]

Iain Bonomy
Perezida

**[Kashe ya IRMCT]**

---

Sitati, 29 Gashyantare 2024 (Inyandiko y'ibanga; inyandiko itari ibanga, yakuwemo ibigomba kugirwa ibanga, yatanzwe ku itariki ya 3 Kamena 2024), paje 1-6; Icyemezo ku Cyifuzo cy'Ubwunganizi gisaba ubufasha, 27 Gicurasi 2024 (Inyandiko y'ibanga), paje 1-3.

[6] Imyanzuro ya Gerefiye yerekeranye n'"Icyemezo cyerekeranye no kumenya niba Félicien Kabuga ashobora kuburanishwa, kwimurirwa Arusha no kuhafungirwa" yo ku itariki ya 13 Kamena 2022, "Ikindi Cyemezo cyerekeranye no kumenya niba ubuzima bwa Félicien Kabuga bwatuma akomeza kuburanishwa", cyo ku itariki ya 6 Kamena 2023, "Icyemezo gisubika urubanza mu gihe kitazwi", 8 Nzeri 2023 n' "Itegeko ryo gutanga Imyanzuro" ryo ku itariki ya 22 Nyakanga 2024, 23 Kanama 2024 (Inyandiko y'ibanga ifite Umugereka w'ibanga), Umugereka, paje ya 6645: nomero yashyizweho n'Ibiro bya Gerefiye.

[7] Nk'urugero, reba Raporo igaragaza ibimaze gukorwa yo ku itariki ya 14 Ukwakira 2024.



Byasemuwe kandi byemezwa na LSS/IRMCT